<p>n'abakuru b'imiryango y'Abiyeguriye Imana igize COSUMAR bose kandi baba mu Rwanda.</p> <p>(2) Inteko rusange ifite ububasha bukurikira:</p> <p>(a) gutora no kvanaho inzego z'Umuryango ari zo: Komite Nyobozi, Komite ngenzuzi na Komite nkemurampaka;</p> <p>(b) kwemeza buri mwaka raporo y'imari n'ingengo y'imari;</p> <p>(c) gufata ibyemezo ku byifuzo bigomba gushyikirizwa Inama Nkuru y'Abasenyeri y'u Rwanda;</p> <p>(d) kwiga ku bibazo rusange mu Miryango y'Abiyeguriye Imana, cyangwa ku bibazo by'imikoranire hagati yayo ubwayo, imikoranire yayo n'Abayobozi ba Kiliziya n'ab'inzego za Leta cyangwa n'abandi ndetse n'ibindi bibazo byatangwa n'Ibiro bya Nyirubutungane Papa, Umushumba wa Kiliziya Gatolika, cyangwa n'Inama Nkuru y'Abasenyeri y'u Rwanda;</p>	<p>composed of all the Major Superiors of the congregation that make up COUSUMAR and who reside in Rwanda.</p> <p>(2) The powers of the General Assembly are:</p> <p>(a) elect and dismiss the organs of the Organization which are: the Executive Board, the Audit Committee and the Conflict Resolution Committee;</p> <p>(b) approve the annual financial report and budget;</p> <p>(c) take decisions on the opinions to be submitted to the Episcopal Conference of Rwanda;</p> <p>(d) examine common problems to member congregations, or problems of collaboration between congregations, between themselves and with ecclesiastical and civil authorities or with other third parties, as well as any question proposed to it by the Holy See or by the Episcopal Conference of Rwanda;</p>	<p>composée de tous les Supérieurs Majeurs des congrégations qui compose la COSUMAR et qui résident au Rwanda.</p> <p>(2) Les pouvoirs de l'Assemblée Générale sont :</p> <p>(a) élire et démettre les organes de l'Organisation qui sont : le Bureau Exécutif, le Comité d'Audit et le Comité de la Résolution des conflits ;</p> <p>(b) approuver le rapport financier annuel et le budget ;</p> <p>(c) prendre des décisions aux avis à soumettre à la Conférence Épiscopale du Rwanda ;</p> <p>(d) étudier des problèmes communs aux Congrégations membres, ou des problèmes de collaboration des congrégations entre eux et avec les autorités ecclésiastiques et civiles ou avec d'autres tiers, ainsi que toute question qui lui serait proposé par le Saint Siège, ou par la Conférence Épiscopale du Rwanda ;</p>
---	---	--

<p>(e) gutanga inama ku ruhare rw'abagize COSUMAR ku byerekeye ivugabutumwa no kureba ko Abihayimana bakorera hose mu Rwanda;</p> <p>(f) hakurikijwe amategeko ya Kiliziya kandi babyumvikanye n'Inama Nkuru y'Abasenyeri y'u Rwanda, gutanga ibyifuzo birebana n'inyungu rusange z'Abiyarguriye Imana hakurikizwa Amategeko Shingiro y'imiryango, imiterere yayo, indagagaciro zayo, imyemerere yayo n'uburyo bwihariye bwayo mu iyogezabutumwa.</p>	<p>(e) issuing opinions on the participation of the member du COSUMAR in the apostolate, the appropriate distribution of religious personnel on the national territory;</p> <p>(f) issuing opinions on the general interests of religious life in accordance with the decrees of the Holy See and in agreement with the Episcopal Conference of Rwanda, respecting the constitutions of the congregations, their nature, their own spirit, their spirituality and their specific forms of Apostolate.</p>	<p>(e) émission des avis sur la participation des membres du COSUMAR à l'apostolat, à la répartition convenable du personnel religieux sur le territoire national ;</p> <p>(f) émission des avis sur les intérêts généraux de la vie religieuse conformément aux décrets du Saint Siège et en accord avec la Conférence Épiscopale du Rwanda, en respectant les constitutions des congrégations, leur nature, leur esprit propre, leur spiritualité et leurs formes spécifiques d'apostolat.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Inteko Rusange isanzwe</u></p> <p>(1) Inteko Rusange Isanzwe iterana nibura kabiri mu mwaka. Itumizwa mu nyandiko n'Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko, igihe atabonetse cyangwa yagize impamvu, itumizwa n'Uhagarariye Umuryango wungirije wa mbere.</p> <p>(2) Mu gihe Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko adahari cyangwa atabishoboye, inama itumizwa kandi ikanayoborwa na Visi-Perezida wa</p>	<p><u>Article 14: Ordinary General Assembly</u></p> <p>(1) The Ordinary General Assembly meets at least twice a year. It is convened by writing to the initiative of the legal representative or, in the absence or incapacity of the latter by the 1st Deputy Legal Representative.</p> <p>(2) In case of the absence or incapacity of the Legal Representative, the General Assembly shall be convened and chaired by the 1st Deputy Legal</p>	<p><u>Article 14 : Assemblée Générale Ordinaire</u></p> <p>(1) L'Assemblée Générale Ordinaire se réunit au moins deux fois par an. Elle est convoquée par écrit, à l'initiative du Représentant Légal, ou, en cas d'absence ou d'empêchement de celui-ci, par le premier Représentant Légal suppléant.</p> <p>(2) En cas d'absence ou d'empêchement du Représentant Légal, l'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le 1^{er} Représentant Légal Suppléant.</p>

mbere w'Umuryango.	Representative.	
(3) Mu gihe Uhagarariye Umuryango n'Umwungirije wa mbere badahari, cyangwa batabishoboye, bikorwa n'Uhagarariye Umuryango wa kabiri.	(3) In case of the absence or incapacity of the Legal Representative and the 1st Deputy Legal Representative, the General Assembly shall be convened and chaired by the 2 nd Deputy Legal Representative.	(3) En cas d'absence ou d'empêchement du Représentant Légal et le 1 ^{er} Représentant Légal Suppléant, l'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le 2 ^{ème} Représentant Légal Suppléant.
(4) Mu gihe Uhagarariye Umuryango n'abamwungirije badahari, Inteko Rusange isanzwe itumizwa n'Umunyamuryango ukuze mu bandi. Inteko Rusange Isanzwe yitoramo Perezida n'Umunyamabanga.	(4) In case of simultaneous absence or impediment of Legal Representatives and the all Deputy Legal Representatives, the General Assembly is convened by the oldest member. The Ordinary General Assembly choose from among the members a Chairman and a Secretary.	(4) En cas d'absence ou d'empêchement simultané du Représentant Légal et des Représentants Légaux suppléants, l'Assemblée Générale Ordinaire est convoquée par le membre le plus âgé. L'Assemblée Générale Ordinaire choisit entre les membres n Président et un Secrétaire.
(5) Ibaruwa itumiza Inteko Rusange igomba gutangwa mu minsi 15 mbere y'uko iterana; kandi ikaba ikubiyemo ingingo zizasuzumwa kuri uwo muni.	(5) The letter convening the General Assembly must be sent 15 days before the meeting with the points of the agenda.	(5) La lettre de convocation de l'Assemblée Générale doit être expédiée 15 jours avant la réunion. Elle mentionne les points de l'ordre du jour.
(6) Kugira ngo iterane ku buryo bwemewe n'amategeko, Inteko Rusange isanzwe igomba kuba igizwe nibura n'ubwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abayigize. Iyo uwo mubare utabonetse, Inteko Rusange itumizwa bundi bushya, mu gihe kitarengeje iminsi cumi n'itanu nk'uko byavuzwe	(6) The quorum for the Ordinary General Assembly must meet at least two-thirds majority of the members. If the quorum is not reached, the General Assembly is reconvened in the manner prescribed above, within 15 days. During the second Assembly, the proceedings will be valid whatever the	(6) Pour siéger valablement, l'Assemblée Générale ordinaire doit réunir au moins la majorité des deux tiers des membres. Si le quorum n'est pas atteint, l'Assemblée Générale est convoquée à nouveau selon les formes prescrites ci-dessus, dans un délai de 15 jours. Au cours de cette seconde

<p>haruguru. Muri iyo Nteko Rusange ya kabiri, ibyemezo bifashwe bihabwa agaciro batitaye ku mubare w'abayijemo; isuzuma kandi ingingo ziri ku murongo w'ibygwa zonyine.</p> <p><u>Ingingo ya 15: Inteko Rusange Idasanzwe</u></p> <p>Inteko Rusange Idasanzwe iterana mu buryo bumwe n'Inteko Rusange Isanzwe, kugira ngo isuzume ibibazo bikomeye kandi byihutirwa bivugwa muri aya Mategeko Shingiro y'Umuryango. Ishobora gutumizwa igihe icyo ari cyo cyose. Isuzuma gusa ingingo ziteganyijwe uwo munsu ku murongo w'ibygwa. Ibyemezo byayo bifatwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abanyamuryango bitabiriye inama.</p> <p><u>UMUTWE WA V: Ibisabwa kugira ngo umuntu abe umuyobozi cyangwa areke kuba we</u></p> <p><u>Ingingo ya 16: Abayobozi</u></p> <p>(1) Kugira ngo umuntu atorerwe inshingano z'Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko, agomba kuba yujuje ibi bikuriira :</p>	<p>number of members present. Decisions of the Ordinary General Assembly shall be taken by absolute majority of members present. It only decides on the points included in the previous agenda.</p> <p><u>Article 15: Extraordinary General Assembly</u></p> <p>The Extraordinary General Assembly is held in the same manner as the Ordinary General Assembly to address important and pressing issues mentioned in these statutes. It can be called at any time. It can only handle the items on the agenda. Its decisions shall be taken by a majority of two thirds of the members present.</p> <p><u>CHAPTER V: Criteria for becoming or losing leadership quality</u></p> <p><u>Article 16: Leaders</u></p> <p>(1) To be elected Legal Representative, an applicant must meet the following conditions:</p>	<p>Assemblée, les délibérations seront valables quel que soit le nombre des membres présents. Elle ne statue que sur les points portés à l'ordre du jour précédent.</p> <p><u>Article 15 : Assemblée Générale Extraordinaire</u></p> <p>L'Assemblée Générale Extraordinaire est réunie selon les mêmes modalités que l'Assemblée Générale Ordinaire pour traiter des questions importantes et urgentes mentionnées dans les présents Statuts. Elle peut être convoquée n'importe quand. Elle ne peut traiter que les points portés à l'ordre du jour. Ses décisions doivent être prises à la majorité des deux tiers des membres présents.</p> <p><u>CHAPITRE V : Critères pour être et pour perdre la qualité de dirigeant</u></p> <p><u>Article 16 : Dirigeants</u></p> <p>(1) Pour être élu aux fonctions de Représentant Légal, tout candidat doit satisfaire aux conditions suivantes :</p>
---	--	---

Official Gazette n° 08 of 19/02/2024

<p>(a) Kuba afite imyaka y'ubukure;</p> <p>(b) Afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza mu by'Iyobokamana cyangwa indi mpamyabumenyi ya kaminuza hiyongereho impamyabushobozi yemewe mu byerekeye iyobokamana;</p> <p>(c) Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide, icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;</p> <p>(d) Kuba atarakatiwe burundu igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurabusebwa.</p>	<p>(a) Be a person of majority age;</p> <p>(b) Possess at least a Bachelor's degree in religious studies or any bachelor's degree with a valid certificate in religious studies;</p> <p>(c) Have not been convicted for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;</p> <p>(d) Not have been definitively sentenced to a principal penalty of imprisonment equal to or exceeding six (6) months which was never removed by amnesty or rehabilitation.</p>	<p>(a) Avoir atteint l'âge de la majorité ;</p> <p>(b) Avoir au moins une licence en études religieuses ou toute autre licence avec un certificat valide dans le domaine des études religieuses ;</p> <p>(c) N'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et divisionnisme ;</p> <p>(d) N'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.</p>
<p>(2) Agomba kandi kuba yujuje ibivugwa mu mategeko ngengamikorere ya COSUMAR kugira ngo ahabwe umurimo w'ubuyobozi; bigashingira no ku bushobozi, ubunararibonye, kandi yarakoze amasezerano yo kwiye gurira Imana.</p>	<p>(2) He should also fulfil the conditions stipulated by the Internal Regulations of the Organization of COSUMAR to enter a governance function, including the skills, experience and commitment of religious life.</p>	<p>(2) Il doit en outre, remplir les conditions stipulées par le Règlement Intérieur de COSUMAR » pour accéder à une fonction de gouvernance, notamment pour les compétences, l'expérience et les engagements de vie religieuse.</p>
<p>(3) Atakaza umwanya w'ubuyobozi mu Muryango byemejwe n'Inteko</p>	<p>(3) He loses the quality of Leader in the Organization, by decision of the</p>	<p>(3) Il perd la qualité de Dirigeant dans l'Organisation, par décision de</p>

<p>Rusange, igihe atacyujuje kimwe cyangwa byinshi mu bisabwa muri iyi ngingo.</p> <p>UMUTWE WA VI : INZEGO Z'UBUYOBOZI N'IZ'IGENZURAMUTUNGO</p> <p><u>Ingingo ya 17: Komite Nyobozi</u></p> <p>(1) Umuryango uyoborwa na Komite Nyobozi igizwe n'aba bakurikira:</p> <p>(a) Perezida, ari na we Uhagarariye Umuryango imbere y'amategeko;</p> <p>(b) Visi Perezida wa mbere, ari na we wungirije wa Mbere Uhagarariye Umuryango;</p> <p>(c) Visi Perezida wa kabiri, ari na we wungirije wa Kabiri Uhagarariye Umuryango;</p> <p>(d) Umunyamabanga;</p> <p>(e) Umubitsi;</p> <p>(f) Umujyanama.</p> <p>(2) Inshingano za Komite Nyobozi</p>	<p>General Assembly, if one or more of conditions mentioned in this article, are no longer met.</p> <p>CHAPTER VI. ADMINISTRATIVE BODIES AND FINANCIAL AUDIT</p> <p><u>Article 17: Executive Committee</u></p> <p>(1) The Organization is governed by the Executive Committee composed of:</p> <p>(a) A President who is the Legal Representative;</p> <p>(b) A 1st Vice-President who is the 1st Deputy Legal Representative;</p> <p>(c) A 2nd Vice-President who is the 2nd Deputy Legal Representative;</p> <p>(d) A Secretary;</p> <p>(e) A Treasurer;</p> <p>(f) An Advisor.</p> <p>(2) The function of the Executive</p>	<p>l'Assemblée Générale, si une ou plusieurs des conditions mentionnées dans cet Article ne sont plus remplies.</p> <p>CHAPITRE VI. ORGANES ADMINISTRATIFS ET D'AUDIT FINANCIER</p> <p><u>Article 17 : Comité Exécutif</u></p> <p>(1) L'Organisation est administrée par un Comité Exécutif composé par :</p> <p>(a) un Président qui est le Représentant Légal ;</p> <p>(b) un 1^{er} Vice-Président qui est le 1^{er} Représentant Légal suppléant ;</p> <p>(c) Un 2^{ème} Vice-Président qui est le 2^{ème} Représentant Légal suppléant ;</p> <p>(d) un Secrétaire ;</p> <p>(e) un Trésorier ;</p> <p>(f) un Conseiller.</p> <p>(2) Les fonctions du Comité Exécutif ne</p>
--	--	---

<p>ntizihemberwa.</p> <p>(3) Komite Nyobozi itorwa n’Inteko Rusange, ikagira manda y’imyaka itatu ishobora kongerwa inshuro ebyiri. Iterana kabiri mu mwaka n’igihe cyose bibaye ngombwa, igatumizwa na Perezida wayo. Igihe atabonetse, itumizwa na Visi Perezida, uko bakurikirana.</p>	<p>Committee does not give rise to any compensation.</p> <p>(3) The Executive Committee is elected by the General Assembly for a period of three years renewable twice. It meets twice a year and whenever necessary, by invitation of its President or in case of absence by Vice Presidents, respectively.</p>	<p>donnent lieu à aucune rémunération.</p> <p>(3) Le Comité Exécutif est élu par l’Assemblée Générale pour une durée de trois ans renouvelables deux fois. Il se réunit deux fois par an et chaque fois que de besoin, par convocation de son Président ou en cas d’absence par les Vice-Présidents, respectivement.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Inshingano za Komite Nyobozi</u></p>	<p><u>Article 18: Responsibilities of the Executive Committee</u></p>	<p><u>Article 18 : Les responsabilités du Comité Exécutif</u></p>
<p>(1) Komite Nyobozi ifite inshingano zo kuyobora Umuryango. Ishinzwe kugenzura ishyingirwa mu bikorwa ry’ibyemezo by’Inteko Rusange, cyane cyane kubahiriza gahunda y’ibikorwa n’imikoreshereze y’ingengo y’imari; ikagira n’inshingano yo gutegura inama zose z’Inteko Rusange.</p>	<p>(1) The Executive Committee is responsible for monitoring the decisions of the General Assembly. It is responsible for monitoring the decisions of the General Assembly, in particular the implementation of the action plan and budget. It has the responsibility to prepare each meeting of the General Assembly.</p>	<p>(1) Le Comité Exécutif assure la gestion courante de l’Organisation. Il est chargé du suivi des décisions de l’Assemblée Générale, en particulier de l’exécution du plan d’action et des prévisions budgétaires ; il a la responsabilité de préparer chaque réunion de l’Assemblée Générale.</p>
<p>(2) Komite Nyobozi, byemejwe n’Inteko Rusange, ishobora:</p> <p>(a) kumvikana gutanga ingwate, guhabwa; kugurisha, kwakira ingurane ku mutungo wimukanwa n’utimukanwa;</p>	<p>(2) The Executive Committee may, with the approval of the General Assembly:</p> <p>(a) compromise, acquire, sell, exchange all movable and immovable property;</p>	<p>(2) Le Comité Exécutif peut, avec l’aval de l’Assemblée Générale :</p> <p>(a) transiger, compromettre, acquérir, vendre, échanger tous biens meubles et immeubles ;</p>

<p>(b) gutanga ingwate ku mazu cyangwa uburenganzira ku bijyanye na yo;</p> <p>(c) gusaba inguzanyo zishingiwe n'ingwate;</p> <p>(d) gukuraho icyemezo cyafashwe;</p> <p>(e) gutanga uburenganzira ku bijyanye no kwishyurwa cyangwa kutishyurwa;</p> <p>(f) gukora amasezerano y'ubukode;</p> <p>(g) guha ububasha bwihariye busesuye intumwa z'umuryango cyangwa zihariye;</p> <p>(h) kureka uburenganzira ku mutungo.</p>	<p>(b) mortgage the buildings or real property rights;</p> <p>(c) apply for loans secured by mortgage;</p> <p>(d) cancel the decision taken;</p> <p>(e) to discharge all entries automatically with or without payment;</p> <p>(f) enter into leases;</p> <p>(g) To confer all special powers on agents, whether associated or not;</p> <p>(h) renounce all real rights.</p>	<p>(b) hypothéquer les immeubles ou les droits réels immobiliers ;</p> <p>(c) demander des prête garantis par hypothèque ;</p> <p>(d) annuler la décision prise ;</p> <p>(e) donner mainlevée de toutes inscriptions d'office avec ou sans paiement ;</p> <p>(f) conclure des baux ;</p> <p>(g) Conférer tous pouvoirs spéciaux aux mandataires associés ou non ;</p> <p>(h) renoncer à tous droits réels.</p>
<p><u>Ingingo ya 19: Perezidansi y'umuryango</u></p>	<p><u>Article 19: Presidency of the Organisation</u></p>	<p><u>Article 19 : Présidence de l'Organisation</u></p>
<p>(1) Perezida atorwa mu ibanga ku bwiganze busesuye mu gihe cy'imyaka itatu ishobora kuvugugururwa inshuro ebyiri n'Inteko Rusange. Manda ya Perezida cyangwa Perezidante ishingiyeye ku mirimo y'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango w'Abihayimana.</p>	<p>(1) The President is elected by secret ballot for three years which can be renewed twice by the General Assembly. The mandate of President is linked to the function of Major Superior.</p>	<p>(1) Le Président est élu au scrutin secret pour trois ans renouvelable deux fois par l'Assemblée Générale. Le mandat de Président (e) est lié à la fonction de Supérieur Majeur.</p>
<p>(2) Perezida ni we Muvugizi</p>	<p>(2) The President is the Legal</p>	<p>(2) Le Président est le Représentant Légal</p>

<p>w'umuryango, ahamagaza kandi akayobora inteko rusange na Biro Nshingwabikorwa.</p> <p>(3) Niba hagati muri manda ye, Perezida ashoje manda ye mu Muryango akomokamo, yeguye cyangwa apfuye, asimburwa na Visi Perezida mu gihe gisigaye cya manda yatorewe.</p>	<p>Representative of the organization, he convenes and chairs the General Assembly and the Executive Board.</p> <p>(3) If, during his or her term of office, the President comes to the end of his or her term of office in his or her Congregation, if he or she resigns or dies, the Vice- President replaces for the remain period of the mandate.</p>	<p>de l'organisation, il convoque et préside l'Assemblée Générale et le Bureau Exécutif.</p> <p>(3) Si au cours de son mandat, le Président arrive en fin de mandat dans sa Congrégation, s'il démissionne ou décède, c'est le Vice-Président qui le remplace pour le reste du mandat.</p>
<p><u>Ingingo</u> va 20: Visi Perezidansi y'Umuryango</p>	<p><u>Article 20: Vice-Presidency of the Organization</u></p>	<p><u>Article 20 : De la Vice-Présidence de l'organisation</u></p>
<p>(1) Ba Visi Perezida batorerwa manda y'imyaka itatu n'Inteko Rusange ishobora kuvugururwa inshuro ebyiri. Nibo Bavugizi bungirije b'umuryango. Iyo baretse kuba Abayobozi Bakuru b'Umuryango basimburwa n'uware ubakurikiye ku buyobozi bw'Umuryango bakomokamo.</p>	<p>(1) The Vice-Presidents are elected for three years which can be renewed twice by the General Assembly. They are the Alternate Legal Representatives. If They cease to be a Major Superior, they will be replaced by the person who succeeded them in the direction of their Congregation.</p>	<p>(1) Les Vice-Présidents sont élus pour trois ans par l'Assemblée Générale, qui peuvent être renouvelés deux fois. Ils sont Représentants Légaux Suppléants. S'ils cessent d'être Supérieurs Majeurs, ils sont remplacés par ceux qui les ont succédés à la direction de leur congrégation.</p>
<p>(2) Iyo Perezida na ba Visi Perezida baretse kuba Abayobozi Bakuru b'Imiryango y'Abihayimana cyangwa bose babuze icyarimwe, Ubuyobozi bw'Umuryango bukorwa n'Umujyanama na we akihutira, mu gihe kitarenze amezi abiri akimara kubimenya, gutumiza Inteko Rusange Idasanzwe kugira ngo hakorwe</p>	<p>(2) If the President and the Vice-Presidents cease to be Major Superiors or are simultaneously prevented, the administration will be carried out by the Advisor who will convene in particular the Extraordinary General Assembly of Election Within two months of the date on which the vacancy appears. The male and female</p>	<p>(2) Si le Président et les Vice-Présidents cessent d'être Supérieurs Majeurs ou sont simultanément empêchés, l'administration sera assurée par le Conseiller qui convoquera notamment l'Assemblée Générale d'élection endéans deux mois depuis la constatation de la vacance des charges. Les congrégations masculines et</p>

<p>amatora. Abo mu Miryango y'Abagore n'Abagabo basimburana nyuma ya manda ebyiri.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Umujyanama</u></p> <p>(1) Mu Biro Nshingwabikorwa by'Umuryango, Umujyanama atorerwa manda y'imyaka itatu, ishobora kwongera inshuro ebyiri, ku bwiganze bw'amajwi n'Inteko Rusange.</p> <p>(2) Inshingano z'Umujyanama zishingiye ku mirimo y'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango w'Abihayimana. Iyo mu gihe cy'imyaka 3, manda y'umujyanama irangiye mu muryango we cyangwa apfuye, ahita asimburwa n'umukurikira mu nshingano kugeza ku musozo wa manda yarafite mu Biro Nshingwabikorwa.</p> <p>(3) Iyo ku mpamvu nyamukuru, umujyanama atabashije kwitabira inama, birashoboka ko yasimburwa n'umwungirije mu muryango w'abiyeguriye Imana ahagarariye.</p>	<p>Congregations replace each other after two terms.</p> <p><u>Article 21: Advisor</u></p> <p>(1) The Advisor to the Executive Committee is elected for a three years which can be renewed twice term with a relative majority by the General Assembly.</p> <p>(2) The office of advisor is linked to the function of Major Superior. If within three years the term of office of an advisor expires in a congregation or dies, he or she shall be automatically replaced by his or her successor in office until the end of the current term of office in the Executive Board.</p> <p>(3) When, for a major reason, a member adviser to the executive board is prevented from attending a meeting, it is possible for him to be replaced by his substitute within the congregation he or she represents.</p>	<p>féminines se remplacent après deux mandats.</p> <p><u>Article 21 : le Conseiller</u></p> <p>(1) Le Conseiller est élu pour trois ans renouvelables deux fois à la majorité relative par l'Assemblée Générale.</p> <p>(2) La charge de Conseiller est liée à la fonction de Supérieur Majeur. Si au cours de trois ans le mandat d'un Conseiller arrive à échéance dans un Congrégation ou décède, il est automatiquement remplacé par son successeur dans la charge jusqu'à la fin du mandat en cours au Bureau Exécutif.</p> <p>(3) Lorsque pour une raison majeure, un membre conseiller au bureau exécutif est empêché de participer à une réunion, il lui est possible de se faire remplacer par son suppléant au sein de la congrégation qu'il représente.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 22: Umunyamabanga</u></p> <p>(1) Umunyamabanga w’umuryango atorerwa manda y’imyaka itatu ishobora kuvugururwa inshuro ebyiri ku bwiganze bw’amajwi n’Inteko Rusange.</p> <p>(2) Umunyamabanga abarizwa ku cyicaro cy’Umuryango kandi agakorera imirimo ye y’Ubunyamabanga bwa Biro Nshingwabikorwa n’Inteko Rusange ariko nta burenganzira afite ku matora keretse iyo ari Umuyobozi Mukuru w’Umuryango w’Abiyeguriyimana.</p>	<p><u>Article 22: The Secretary</u></p> <p>(1) The Secretary is elected for three years which can be renewed twice term with a relative majority by the General Assembly.</p> <p>(2) The Secretary shall be established at the Headquarters of the Organization and shall act as Secretary of the Executive Committee and of the general assembly, but without the right to vote unless he is a Major Superior.</p>	<p><u>Article 22 : Secrétaire</u></p> <p>(1) Le Secrétaire est élu pour trois ans renouvelables deux fois à la majorité relative par l’Assemblée Générale.</p> <p>(2) Le Secrétaire est établi au siège de l’Organisation et remplit ses fonctions de Secrétaire du Bureau Exécutif et de l’Assemblée Générale mais sans avoir le droit de vote à moins qu’il ne soit Supérieur Majeur.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Inshingano z’Umunyamabanga</u></p> <p>(1) guhuza imikoranire hagati y’abanyamuryango ba biro nshingwabikorwa, hagati ya Komite Nyobozi n’Abayobozi bakuru b’imiryango y’Abihayimana no mu izina rya biro hagati ya biro n’inama nkuru y’Abasenyeri ndetse n’abandi bayozi b’inzeze za Kiliziya n’iza Leta.</p> <p>(2) kwiga no gusuzuma ibibazo bagejejweho na Biro Nshingwabikorwa no kubitangira raporo.</p>	<p><u>Article 23: Responsibilities of the Secretary:</u></p> <p>(1) ensures the regular liaison between the members of the executive board, between the Executive Committee and the major superiors and on behalf of the bureau, between the latter and the Episcopal Conference as well as with the different religious and civil authorities.</p> <p>(2) examine and report on the problems entrusted to it by the Executive Board.</p>	<p><u>Article 23 : Responsabilités du Secrétaire</u></p> <p>(1) Assure les liaisons ordinaires entre les membres du bureau exécutif, entre le Bureau Exécutif et les supérieurs majeurs et au nom du bureau, entre celui-ci et la Conférence Épiscopale ainsi qu’avec les différentes autorités religieuses et civiles.</p> <p>(2) Étudie les problèmes que lui confie le bureau exécutif et remet un rapport à ce sujet.</p>

<p>(3) gukurikirana no guhuza ibikorwa by'utunama tw'impuguke.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Utunama tw'impuguke</u></p> <p>(1) Utunama tw'impuguke tw'igihe gito dushyirwaho na Biro Nshingwabikorwa cyangwa n'Inteko Rusange ku buryo bw'igihe gito cyangwa buhora nk'uko bakurikirana hagendewe ku mirimo yihutirwa izakorwa.</p> <p>(2) Abanyamuryango b'utunama tw'impuguke batoranywa mu bihayimana bafite ubumenyi buhambaye mu kigiye gukorwa cyangwa kwigwaho.</p> <p>(3) Utwo tunama dushobora kwifashisha izindi mpuguke z'abihayimana cyangwa izindi. Utunama tw'impuguke ni two ubwatwo twiha gahunda y'ibikorwa kandi duterana bitewe ibikenewe ndetse n'ubushobozi buhari.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Ubuyobozi</u></p> <p>(1) Amabwiriza arebana n'imikorere y'Umuryango ashingiye ku mahame remezo rusange, nk'uko akubiye mu</p>	<p>(3) Supervises and coordinates technical committee activities.</p> <p><u>Article 24: Technical committees</u></p> <p>(1) Technical committees shall be established by the Executive Committee or by the General Assembly, respectively, on a temporary or permanent basis according to the needs of the work to be performed.</p> <p>(2) The members of the Technical committees are chosen from among the religious most competent in the matter to be studied.</p> <p>(3) These Technical committees may call for consultation religious specialists or others. The Technical committees organize their own work and meet according to necessities and possibilities.</p> <p><u>Article 25: Administration</u></p> <p>(1) Standards for the operation of the Organisation in reference to general basic principles contained in these</p>	<p>(3) Supervise et coordonne les activités des comités techniques.</p> <p><u>Article 24 : Comités techniques</u></p> <p>(1) Les Comités techniques sont établis par le Bureau Exécutif ou par l'assemblée générale, respectivement d'une manière temporaire ou permanente d'après les nécessités du travail à réaliser.</p> <p>(2) Les membres des Comités techniques sont choisis parmi les religieux les plus compétents en la matière à étudier.</p> <p>(3) Ces Comités techniques peuvent appeler en consultation des spécialistes religieux ou autres. Les Comités techniques organisent eux-mêmes leur travail et se réunissent d'après les nécessités et les possibilités.</p> <p><u>Article 25 : Administration</u></p> <p>(1) Les normes relatives au fonctionnement de l'Organisation en référence aux principes généraux de</p>
---	--	---

<p>Itegeko shingiro y'Umuryango, agaragara no mu "Itegeko ngengamikorere", yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'abanyamuryango bayiteraniyemo.</p> <p>(2) Ibindi bikorwa bisanzwe biyoborwa n'Uhagarariye Umuryango hamwe n'Abamwungirije, bashyirwaho n'Inteko Rusange isanzwe, ku bwiganze bw'abanyamuryango bayitabiriye.</p>	<p>Statutes are recorded in "Internal Rules" adopted by the General Assembly by decision of an absolute majority of members present.</p> <p>(2) Current affairs are administered by a legal representative and the two Deputy Legal Representatives alternate, elected by the Ordinary General Assembly by an absolute majority of members present.</p>	<p>base contenus dans les présents statuts sont consignées dans un "Règlement d'Ordre Intérieur" adopté en Assemblée Générale par décision de la majorité absolue des membres présents.</p> <p>(2) Les affaires courantes sont administrées par un Représentant Légal titulaire et par deux Représentants Légaux Suppléants, élus par l'Assemblée Générale ordinaire, à la majorité absolue des membres présents.</p>
<p><u>Ingingo ya 26: Umutungo n'imari</u></p> <p>(1) Umuryango ushobora gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.</p> <p>(2) Ugera ku mikorere myiza biturutse ku mfashanyo, imirage ndetse n'impano zinyuranye, uretse ibinyuranyije n'amategeko y'u Rwanda.</p> <p>(3) Umutungo w'Umuryango ugizwe kandi n'imisanzu y'abanyamuryango.</p>	<p><u>Article 26: Heritage and finances</u></p> <p>(1) To ensure the achievement of its objectives, the Organization has real estate and movable property.</p> <p>(2) It ensures its functioning by the grants, Patrimony and different donations in excluding those prohibited by Law in Rwanda.</p> <p>(3) The association's assets consist also of membership contribution.</p>	<p><u>Article 26 : Patrimoine et finances</u></p> <p>(1) Pour assurer la réalisation de ses objectifs, l'Organisation dispose de biens immobiliers et de biens mobiliers.</p> <p>(2) Elle assure son fonctionnement des subsides, legs et dons divers, à l'exclusion de ceux prohibés par la Loi Rwandaise.</p> <p>(3) Les cotisations des membres font aussi partie de l'héritage de l'Organisation.</p>

<p><u>Ingingo ya 27: Umusanzu</u></p> <p>(1) Umusanzu ngarukamwaka ni umwe kuri buri munyamuryango.</p> <p>(2) Hagendewe ku bikenewe biteganyijwe buri mwaka, umusanzu ugenwa n’Inteko Rusange y’Umuryango.</p>	<p><u>Article 27: Contribution</u></p> <p>(1) The annual fee is the same for all members.</p> <p>(2) It shall be determined by the General Meeting in accordance with the requirements for the year.</p>	<p><u>Article 27 : Cotisation</u></p> <p>(1) La cotisation annuelle est le même pour tous les membres.</p> <p>(2) Elle est fixée par l’Assemblée Générale selon les nécessités prévues pour l’année.</p>
<p><u>Ingingo ya 28: Imikoreshereze y’umutungo</u></p> <p>(1) Umutungo wa COSUMAR ni uwawo bwite.</p> <p>(2) COSUMAR ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye.</p> <p>(3) Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe aseze ku bushake cyangwa yirukanywe.</p>	<p><u>Article 28: Use of heritage</u></p> <p>(1) The property of the COSUMAR is its exclusive property.</p> <p>(2) COSUMAR affects its resources to all that contributes directly or indirectly to the realization of its object.</p> <p>(3) No member may assume the right of possession or require any share in the event of voluntary withdrawal or exclusion.</p>	<p><u>Article 28 : Utilisation du patrimoine</u></p> <p>(1) Les biens de COSUMAR sont sa propriété exclusive.</p> <p>(2) COSUMAR affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet.</p> <p>(3) Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire ou d'exclusion.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Urwego rushinzwe ubugenzuzi bw’imari</u></p> <p>(1) Urwego rushinzwe ubugenzuzi bw’imari rugizwe n’abantu batanu batorwa n’Inteko Rusange; igira manda y’imyaka itatu ishobora</p>	<p><u>Article 29: Financial audit committee</u></p> <p>(1) A Finance Committee is comprised of five members, elected by the General Assembly for a term of three years, renewable twice only, to deal with</p>	<p><u>Article 29 : Organe chargé d’audit financier</u></p> <p>(1) Un organe chargé d’audit financier est composé de cinq membres, élus par l’Assemblée Générale pour un mandat de trois ans, renouvelables deux fois</p>

<p>kongezwa incuro ebyiri gusa. Iterana inshuro eshatu mu mwaka, igasuzuma ibibazo byerekeye umutungo.</p> <p>(2) Urwego rushinzwe ubugenzuzi bw'imari ruyoborwa na Prezida wayo. Ni urwego ngishwanama, rushinzwe gutanga ibitekerezo ku bibazo birebana n'umutungo, kimwe no mu birebana n'ingengo y'imari ndetse n'imikoreshereze y'umutungo.</p>	<p>financial matters.</p> <p>(2) Financial audit committee is chaired by its Chairperson. It is a consultative body called upon to give its opinion on any financial matter, including the study of budgeting and financial statements.</p>	<p>seulement, se réunissent trois fois par an pour traiter de questions financières.</p> <p>(2) Organe chargé d'audit financier est présidée par son Président. il est un organe consultatif, appelé à donner ses avis sur toute question financière, notamment pour l'étude des prévisions budgétaires et des états financiers.</p>
<p><u>Ingingo ya 30: Umugenzuzi w'imari utari umunyamuryango</u></p>	<p><u>Article 30: External auditor</u></p>	<p><u>Article 30 : Auditeur externe</u></p>
<p>Ikurikiranwa ry'umutungo wa COSUMAR rikorwa n'umugenzuzi utari umunyamuryango, utorwa na Biro Nshingwabikorwa mu bantu babifitiye ubushobozi kandi bamenyereye uwo murimo.</p>	<p>The supervision of the property of COSUMAR is done by an external auditor appointed by the Executive Office from among the competent and experienced.</p>	<p>La supervision des biens de COSUMAR est faite par un auditeur externe, choisi par le Bureau Exécutif parmi les personnes compétentes et expérimentées.</p>
<p><u>UMUTWE WA VII: Urwego n'uburyo bwo gukemura amakimbirane</u></p>	<p><u>CHAPTER VII: Organ and mechanism of conflict resolution</u></p>	<p><u>CHAPITRE VII : Organe et mécanisme de résolution des conflits</u></p>
<p><u>Ingingo ya 31: Urwego rwo gukemura Amakimbirane</u></p>	<p><u>Article 31: Organ for conflicts resolution</u></p>	<p><u>Article 31 : Organe chargé de la résolution des conflits</u></p>
<p>(1) Umuryango ufite Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane.</p> <p>(2) Urwo rwego rugizwe n'abantu batanu batorwa n'Inteko Rusange igira manda</p>	<p>(1) The Organization has an Organ responsible for conflicts resolution.</p> <p>(2) It is composed of five members elected by the General Assembly which can be</p>	<p>(1) L'Organisation est dotée d'un Organe chargé de la résolution des conflits.</p> <p>(2) Il est composé de cinq membres, élus par l'Assemblée Générale pour un</p>

<p>y'imyaka itanu ishobora kongezwa incuro ebyiri, batorwa n'Inteko Rusange. Ruyoborwa na Perezida warwo.</p> <p>(3) Igihe havutse amakimbirane, abagize urwo Rwego baterana bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo basuzume icyo kibazo. Bagira kandi inama igenwa n'amategeko, itumizwa na Perezida wayo, iterana rimwe mu mezi atandatu kugira ngo isuzume imigendekere y'Umuryango no gukumira ikintu cyose cyakurura amakimbirane.</p>	<p>renewed twice and chaired by the President of this Organ.</p> <p>(3) Whenever there is a conflict, the organ shall meet within fifteen days to decide on the matter. It holds a regular meeting, convened by its President, once in every six months to study the situation of the Organization and prevent any conflicting tension.</p>	<p>mandat de <u>3</u> ans renouvelable deux fois. Il est présidé par le Président de cet Organe.</p> <p>(3) Une fois saisi d'une situation conflictuelle, l'Organe se réunit endéans les quinze jours pour statuer en la matière. Il tient une réunion statutaire, convoquée par son Président, une fois par semestre pour étudier la situation de l'Organisation et prévenir toute tension conflictuelle.</p>
<p><u>Ingingo ya 32</u> : Uburyo bwo gukemura amakimbirane</p> <p>(1) Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rufite inshingano yo gukemura amakimbirane iyo ava akagera yaboneka hagati y'abanyamuryango.</p> <p>(2) Buri munyamuryango na buri rwego rw'Umuryango, bashobora kugeza ku rwego rukemura amakimbirane ikibazo gishobora kubangamira ubumwe n'ubwumvikane mu banyamuryango no mu nzego zawo.</p>	<p><u>Article 32</u>: Mechanisms for conflict resolution</p> <p>(1) The conflict resolution organ is responsible for resolving any conflict between members of the Organization.</p> <p>(2) Each member and each organ of the Organization may submit cases affecting the unity and harmony of members and structures to the organ in charge of conflict resolution.</p>	<p><u>Article 32</u> : Mécanismes de résolution des conflits</p> <p>(1) L'organe de résolution des conflits est chargé de résoudre tout conflit entre les membres de l'Organisation.</p> <p>(2) Chaque membre, et chaque organe de l'Organisation peuvent lui soumettre les cas portant atteinte à l'unité et à l'harmonie des membres et des structures.</p>

<p>(3) Urwego rukemura amakimbirane rwifashisha uburyo bushyira imbere ibiganiro n'ibisubizo mu bwumvikane, guhuza abantu no kubunga.</p> <p>(4) Iyo Umuryango unaniwe gukemura amakimbirane wiyambaza Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.</p> <p>(5) Iyo iyo nzira yo kugera ku mahoro mu bwumvikane idashobotse, hitabazwa ababifitiye ububasha hakurikijwe ibiri mu Ngingo ya 40 n'ya 41 y'Itegeko n° 72/2018 ryo ku wa 31 kanama 2018 rigena imitunganyirize n'imikorere by'Imiryango ishingiyeye ku myemerere.</p>	<p>(3) The conflict resolution organ uses techniques that emphasize dialogue and amicable solutions by way of compromise, mediation and reconciliation.</p> <p>(4) When the Organization fails to regulate disputes, it should ask for help from <i>Conférence Épiscopale du Rwanda</i>.</p> <p>(5) The failure of an attempt to reach a peaceful and negotiated solution opens the way to appeal to competent authority in reference to Articles 40 and 41 of Law ° 72/2018 of August 31, 2018 determining the organization and functioning of faith-based organizations.</p>	<p>(3) L'organe de résolution des conflits recourt aux techniques qui privilégient le dialogue et les solutions à l'amiable, par voie de compromis, de médiation et de conciliation.</p> <p>(4) Lorsque l'Organisation échoue de régler les différends en son sein, elle fait recours auprès de la Conférence Épiscopale du Rwanda.</p> <p>(5) L'échec d'une tentative de parvenir à une solution pacifique et négociée ouvre la voie de recours à l'autorité compétente suivant les articles 40 et 41 de la Loi n°72/2018 du 31 août 2018 portant organisation et fonctionnement des Organisations fondées sur la foi.</p>
<p>UMUTWE WA VIII: ISESWA RY'UMURYANGO N'ABAGENERWA UMUTUNGO</p> <p><u>Ingingo ya 33: Iseswa</u></p> <p>Umuryango ushobora guseswa byemejwe n'ubwiganze bwa bibiri bya gatatu by'abawugize, bateraniye mu Nteko Rusange idasanzwe.</p>	<p>CHAPTER VIII: DISSOLUTION OF THE ORGANIZATION AND DISTRIBUTION OF THE PATRIMONY</p> <p><u>Article 33: Dissolution</u></p> <p>The organization may be dissolved by a decision taken by a majority of two thirds of the members met in an Extraordinary General Meeting.</p>	<p>CHAPITRE VIII : DISSOLUTION DE L'ORGANISATION ET AFFECTATION DU PATRIMOINE</p> <p><u>Article 33 : Dissolution</u></p> <p>L'Organisation peut être dissoute sur décision prise à la majorité des deux tiers des membres effectifs réunis en Assemblée Générale Extraordinaire.</p>

<p><u>Ingingo ya 34: Itangwa ry’umutungo</u></p> <p>(1) Igihe Umuryango usheshwe, ubanza kwishyura imyenda no kubahiriza amasezerano wari wiyemeje; umutungo usagutse ukagabanywa imiryango y’abiyeguriye Imana igize «CONFERENCE DES SUPÉRIEURS MAJEURS AU RWANDA-COSUMAR».</p> <p>(2) Itangwa ry’umutungo rikorwa byemejwe n’ubwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by’abanyamuryango, bateraniye mu Nteko Rusange idasanzwe, hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 34: Assignment of patrimony</u></p> <p>(1) In case of dissolution, the Organization first settles its debts and commitments and the remaining assets are shared with the congregations, members of the «CONFERENCE DES SUPÉRIEURS MAJEURS AU RWANDA- COSUMAR».</p> <p>(2) The allocation of assets is determined in the Extraordinary General Assembly Meeting by a majority of two thirds (2/3) of Members in accordance with the laws in the matter.</p>	<p><u>Article 34 : Affectation du patrimoine</u></p> <p>(1) En cas de dissolution, l’Organisation apure d’abord ses dettes et engagements et l’actif restant est partagé aux congrégations, membres de la «CONFÉRENCE DES SUPÉRIEURS MAJEURS AU RWANDA- COSUMAR».</p> <p>(2) L’affectation des biens est décidée en Assemblée Générale Extraordinaire à la majorité des deux tiers (2/3) des membres en respectant les lois en la matière.</p>
<p><u>UMUTWE WA IX: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER IX: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE IX : DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 35: Ivugururwa ry’Amategeko shingiro n’amabwiriza ngengamikorere</u></p> <p>(1) Amategeko shingiro y’Umuryango ntashobora guhindurwa keretse byemejwe ku bwiganze busesuye bw’abanyamuryango bateraniye mu Nteko Rusange idasanzwe.</p> <p>(2) Ingingo zitagaragara muri aya mategeko shingiro ziteganyijwe ku</p>	<p><u>Article 35: Modification of statutes and the Internal Regulations</u></p> <p>(1) The Statutes of the Organization may only be amended by decision of the absolute majority of members, sitting in an Extraordinary General Assembly.</p> <p>(2) Everything that is not provided in these Statutes is specified in The Internal</p>	<p><u>Article 35 : Modification des statuts et Règlement d’Ordre Intérieur</u></p> <p>(1) Les Statuts de l’Organisation ne peuvent être modifiés que sur décision de la majorité absolue des membres, siégeant en Assemblée Générale Extraordinaire.</p> <p>(2) Tout ce qui n’est pas précisé dans les présents Statuts est spécifié dans le</p>

<p>buryo burambuye mu Mabwiriza Ngenamikorere y'Umuryango.</p> <p><u>Ingingo ya 36: Gutangira gukurikizwa</u></p> <p>Aya mategeko shingiro yemejwe ku bwiganze busesuye bw'abagize Umuryango, mu Nteko Rusange idasanzwe yo ku wa 09-10 ugushyirahamwe 2021. Yashyizweho umukono n'abagize Umuryango bose imbere ya Noteri. Azatangira gukurikizwa ku itariki azaba amaze kwemezwa n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere.</p>	<p>Regulations of the Organization.</p> <p><u>Article 36: Entry into force</u></p> <p>These statutes were adopted by an absolute majority of the members of the Organization meeting at an Extraordinary General Meeting on November 09-10, 2021. They were signed before the notary by all the members present. They come into force on the date of their approval by Rwanda Governance Board.</p>	<p>Règlement d'Ordre Intérieur.</p> <p><u>Article 36 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Les présents statuts ont été adoptés à la majorité absolue des membres de l'Organisation réunis en Assemblée Générale Extraordinaire les 09-10 novembre 2021. Ils ont été signés devant le Notaire par tous les membres présents. Ils entrent en vigueur à la date de leur approbation par l'Office Rwandais de la Gouvernance.</p>
---	--	--

Mbare, 10/11/2021

(sé)

Père NIYONZIMA Eugène

Uhagarariye Umuryango

Legal Representative

Représentant Légal

(sé)

Sœur UWAMARIYA Régine

Uhagarariye Umuryango Wungirije wa mbere

1st Deputy Legal Representative

1^{ère} Représentante Légale Suppléante

(sé)

Frère AZIBEREHO Jean-Marie Vianney

Uhagarariye Umuryango Wungirije wa kabiri

2nd Deputy Legal Representative

2^{ème} Représentant Légal Suppléant